KUBANGIKANA IBITI N'IBIHINGWA MU MURIMA MU RWEGO RW'IMICUNGIRE IKOMATANYE Y'UBURUMBUKE BW'UBUTAKA

Mu Rwanda kimwe no mu bindi bihugu, abashakashatsi n'impuguke mu by'amashyamba basanze umusaruro w'ibihingwa ukomatanyije n'uw'ibicanwa bibonekeye rimwe mu murima umwe byaha ingufu abahinzi mu gucunga neza imirima yabo. Uretse kubangikana ibiti n'ibihingwa nta bundi buryo uwo musaruro wabonekera rimwe.

Politiki y'igihugu y'amashyamba ifite mu ntego zayo zihariye zo kongera ubuso bw'amashyamba ku buryo nibura 30 % by'ubuso bw'igihugu bwaba butwikiriwe n'amashyamba. Kuri ubu, nta buso bugari bw'imisozi yambaye ubusa bwaba bugihari bwo guteraho amashyamba, uburyo busigaye ni ubwo kubangikana ibiti n'imyaka mu
mirima. Kugeza ubu, ibyo biti biterwa ku mirwanyasuri kugirango imizi yabyo icengere mu mikingo ifata ubutaka bityo ikayirinda kuriduka.



Ibiti biterwa ku mirwanyasuri hagamijwe
ngo imizi yabyo irinde ubutaka kuriduka

Nyamara, ibiti bibangikanywa n'ibihingwa mu murima bifite akamaro kanini mu buhinzi bugamije kongera umusaruro iyo byitaweho, bigacungwa neza. Mu rwego rw'ubuhinzi, kubangikanya ibiti n'ibihingwa byagiye akenshi bifatwa nk'igisubizo cyo kubona ifumbire kubera ko amashami n'amababi yabyo ashobora gusasira imyaka bityo umuhinzi ntiyongere gukoresha ibisigazwa by'imisaruro, umuhinzi kandi ayakuramo ifumbire binyuze mu ngarani cyangwa akayasasiza mu kiraro cy'amatungo, bityo agashobora kubona ifumbire azakoresha mu murima we.

Iyi nyandiko irasobanura uburyo haterwa ibiti mu mirima ihingwa hagamijwe kongera umusaruro w'ibihingwa utaretse n'uw'ibiti. Ariko kandi ni n'uburyo bwo kongera ubuso bw'amashyamba. Gusa, tugomba kumenya ko uburyo bwo kubangikanya ibiti n'ibihingwa bihira nyiri umurima iyo yahisemo neza ubwoko bw'ibiti n'iyo yabicunze neza. Gucunga nabi ibiti byatewe mu mirima irimo ibihingwa bifite ingaruka mbi ku bihingwa ndetse no ku biti ubwabyo. Iyo byacunzwe nabi, niho haviramo imyaka kutera neza bigatuma n'abahinzi batitabira gutera ibiti.

IBITI BITANGA IFUMBIRE BIKONGERA N'IMYUNYU Y'UBUTAKA.

Ibiti byongera imyunyu y'ubutaka ibihingwa bikenera mu gice cy'ubutaka cyo hejuru kubera imizi yabyo icengera kure mu butaka, ikanyunyuza imyunyu y'ubutaka iri muri ibyo bice bya kure. Iyo myunyu ikwirakwira hose : mu mababi, mu mashami no mu gihimba cy'igiti. Igiti gitungwa n'iyo myunyu kimwe n'ibihingwa. Amababi arahunguka akagwa hasi, akabora buhoro buhoro akavamo ifumbire mborera irimo ya myunyu y'ubutaka igenda icengera buhoro buhoro mu gice cy'ubutaka cyo hejuru aho imizi y'ibihingwa ishobora kugera ikayikoresha.

Iyo hakoreshejwe ifumbire yaba ifumbire mborera cyangwa ifumbire mvaruganda, impuguke mu by'ubuhinzi zivuga ko hatakara nibura kimwe cya gatatu cy'iyakoreshejwe. Iyi ntikoreshwa n'ibihingwa kubera isuri iba yayitwaye n'amazi cyangwa ikarigita kure mu butaka. Iyo hatewe ibiti, imizi yabyo irayinyunyuza ikayizamura mu mababi azahungukira mu murima akabyara ifumbire mborera irimo ya myunyu.

GUTERA IBITI MU MIRIMA IHINGWA BIGABANURA GUPFA UBUSA KW'IMYUNYU Y'IFUMBIRE

Iyo ibiti bitewe mu murima hagati, nibwo bigaragara ko ya myunyu iri mw''ifumbire ikoreshwa neza kurusha uko byaba bitewe ku nkengero haba ku mirwanyasuri cyangwa ku mbibi z'umurima. Ibiti bitewe hagati mu murima bitwikira birushijeho ubutaka kurusha uko bitewe ku nkengero bityo iyangizwa ry'ubutaka kubera ibitonyanga by'imvura n'imivu y'amazi biragabanuka, ahubwo agacengera mu butaka buhoro, bya bihingwa bikayakoresha dore ko haba harimo na ya myunyu.

Birumvikana ko bifata igihe kitari gito kugirango bigaragare ko igiti cyagiriye akamaro ibihingwa ndetse ko n'ibihingwa byagiriye akamaro igiti.

DUTERE IBITI BINYANYAGIJE MU MIRIMA IHINGWA TWONGERE N'UBUSO BW'AMASHYAMBA.

Gutera ibiti binyanyagije mu murima hagati ni uburyo bwo kwongera ubuso buteweho amashyamba kubera ko umubare w'ibiti wiyongera.
Urugero:Mfite umurima wa hegitari imwe, nintera nkoresheje uburyo busanzwe bwo kubikurikiranya ku mirongo y'imirwanyasuri itandukanyijwe n'intera ya metero makumyabiri , nzakenera ibiti biri hagati y'ijana n'ijana na makumyabiri na bitanu niba intera iri hagati y'igiti n'ikindi ari metero eshanu. Nyamara nintera mbinyanyagije mu murima kuri iyi ntera ya metero eshanu, nzakenera ibiti magana ane. Ubwo kugirango mbare ubuso bwa hegitari y'ishyamba itewe nzakenera imirima yujuje hegitari cumi n'esheshatu ku buryo bwa mbere, naho ku buryo bwa kabiri ari nabwo dushishikariza abantu gukoresha, nzakenera imirima yujuje hegitari enye ngo mbare ko mfite ishyamba ry'ibiti rya hegitari.
Gutera ibiti bibangikana n'imyaka bifasha mu iyongera ry'imborera n'ikoreshwa neza ry'amafumbire iyo binyanyagije mu murima. Ariko kandi, ni ngombwa kugenzura ko igice cy'amababi n'amashami bitarenze 20 % kugeza 25 % by'ubuso bw'umurima, igice kigize amashami n'amababi kigomba kuba gito ugereranyije n'uburebure bw'igihimba, hagomba gukorwa ikatwa rya buri gihe ry`imizi irandaranda hejuru kugirango idacura ibihingwa. Ibiti bifata igihe kirekire mu murima muri rusange nibyo bigira akamaro kenshi kurusha uduti duto.

NDUWAYEZU Bonaventure

National Agroforestry Officer - IFDC/Rwanda